Bibiliya y'abana irerekana

Imana yubahisha umucakara Yosefu

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: M. Maillot; Lazarus

yahujwe na: M. Maillot; Sarah S; Alastair P.

yahinduwe na: Yohani Batisita B.

yasohowe na: Bible for Children

www.M1914.org

©2021 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.

Yosefu yashizwe mu nzu y'imbohe na sebuja Potifari. Mu nzu y'imbohe, Yosefu yarangwaga no kubaha kandi yumvikana n'abandi.

Umuyobozi wa gereza arindisha
Yosefu imbohe zoze
ndetse n'indi mirimo
yose yakorerwagamo.

Uwiteka akomeza kubana na Yosefu, Maze abari mu nzu y'imbohe bagubwa neza.

Umuhereza wa vino
w'umwami n'umuvuzi
w'imitsima nabo bari
mu nzu
y'imbohe.
"Kuki mubabaye?"

Yosefu arababaza umunsi umwe.

“Umwe mu babaye arasubiza ati:” Ntan’umwe ushobora gusobanura inzozi zacu.

"Gusobanura ni ukw'Imana!" Yosefu arababwira. "Mumbwire izo nzozi."

“Inzozi zawe zisobanurwa ko mu minsi itatu Umawami Farawo azakuzamura mu butware bwawe.”

Yosefu abwira umuhereza wa vino.

“Uzanyibuke maze uzamvugire kwa Farawo mve muri iyi nzu.”

Inzozi z'umuvuzi w'imitsima zari mbi. "uzapfa mu minsi itatu." Yosefu arabimubwira. Ibyavuzwe byose biraba.

Ariko wa muhereza wa vino ntiyibuka Yosefu kugeza umunsi Farawo



ahagarikiye umutima. Avuga cyane, "Narose inzozi."

Nta n'umwe mu banyabwenge washoboye kuzisobanura.



Wa muhereza vino yibuka Yosefu mu nzu y'imbohe. Maze abibwira Farawo.

Farawo yoheraza kumushaka vuba. “inzozi zawe n’ubutumwa bw’Imana.




Yosefu abwira umwami.
Muri Egiputa hazaba imyaka
irindwi y'uburumbuke, n'imyaka
irindwi y'inzara."

“Teganya guhunika imyaka yo mu gihe cy’imyaka irindwi igiye gutaha” ...

... Yosefu agira FarawoInama, "cyangwa se abaturage bawe bazicwe n'inzara".

Farawo abwira Yosefu ati: “Imana iri kumwe nawe. Nkweguriye igihugu cya Egiputa cyose. Ubaye uwa kabiri kuri jye.”

Ya myaka y'uburumbuke iragera.
hanyuma haza irindwi y'inzara.

Ibiribwa biba bike hose uretse muri Egiputa bahunitse mu buryo bw'ubwenge ibiribwa.

Mu gihugu kavukire cy'umuryango wa Yosefu bari mo bicwa n'inzara.

Abaturage b'ibihugu byose bazaga guhahira muri Egiputa.

Yakobo abwira abana be, “ngo namwe mujye guhahira yo”, “Cyangwa se tuzicwe n’inzara.”

Bageze muri Egiputa, bategura kugura ibiribwa.

Abana ba Yakobo Bapfukamira umwami w'Egiputa. Ntibashoboye kumenya ko ari Yosefu mwene se.



Ariko Yosefu we yari yabamenye. Yosefu yibuka iby'inzozi ze akiri muto. Uwiteka yari yamushize hejuru ya bene se.

Yosefu yari umunyabwenge.
Avugana uburakari ndetse
asigarana mwene se
Simoni ho ubugwate.

“Mufate ibiribwa, mugende
ariko muzagaruke na
murumuna wanyu,”
arategeka.

Nibwo nzamenya ko mutari abatasi. Bene se batangira gutekereza ko ari igihano Imana yabahaye ...

... cyo kuba baragurishije Yosefu nk'umucakara hashize imyaka myinshi.

Yakobo n'abana be bahagarika imitima. Amafranga aratugarukiye mubyo twaguze. None ko n'umwami wa Egiputa yadutegetse kuzagarukana Benjamini.

Ariko, Yakobo ntiyifuzaga ko Benjamini agenda. Mu gihe gito ibiribwa bari bafite birarangira.

Biba ngombwa ko bene se basubira muri Egiputa. Benjamini barajyana.

Yosefu abonye Benjamini Ategeka abaja gutegura amafunguro. Bene se nabo barabatumira.

Yosefu arababaza ati: “Iso ubabyara ni muzima?” Ashobora kuba yaratekerezaga uburyo yazana uwo muryango wose.

Yosefu yashatse kumenya niba bene se barihannye nyuma y'icyaha bakoze hashize igihe kirekire.

Nyuma yo kurya abarega ubujura.

“Kubahana ndasigarana Benjamini ho nk’umugaragu wanjye,” Yosefu arababwira.

Yuda avuga ati:
“Nyagasani munsigarane
mu mwanya we”.
Yosefu amenya
ko Yuda watanze

igitekerezo cyo
kugurisha Yosefu
yahindutse.

Ntabwo yashoboye
guhisha urukundo yari
afitiye
umuryango
we igihe
kirekire, ...

... Yosefu yohereza
Abanyegiputa hanze.
Maze
atangira
kurira.

“Ndi Yosefu mwene so, mwagurishije muri Egiputa.”
Birabatun-gura kandi bibatera ubwoba bene se
Babura icyo bavuga.

Yosefu akomeza
bene se.
"Imana
yangize umwami
muri Egiputa
kugira ngo ...

... nshobore gukiza ubuzima
bwanyu muriiyi nzara. Mugende, muzane data. Nzabitaho".

Yakobo na Yosefu babana muri
Egiputa maze umuryango wose wibera yo mu mahoro no mu mukiro.

Imana yubahisha umucakara Yosefu

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Itangiriro 39-45

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo." Zaburi 119:130

Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu
byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu
ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari
muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima
bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira
ngo none aha mbashe kubona ubuzima
bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana
nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira
no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe.
Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana
buri munsi! Yohani 3:16